Umwaka wa 44 n° idasanzwe
yo kuwa 12 Ukwakira 2005

Year 44 n° special
of 12 October 2005

44ème Année n° spécial
du 12 octobre 2005

Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda | Official Gazette of the Republic of Rwanda | Journal Officiel de la République du Rwanda

Ibirimo/Summary/Sommaire

A. Iteka rya Perezida/Presidential Order/Arrêté Présidentiel

N° 35/01 ryo kuwa 05/10/2005
Iteka rya Perezida ryemera burundu Amasezerano yo guhererekanya abagizi ba nabi hagati ya Repubulika ya Uganda na Repubulika y'u Rwanda, yashyiriweho umukono i Kampala kuwa 15 Nyakanga 2005.....

N° 35/01 of 05/10/2005
Presidential Order on the ratification of the treaty on extradition between the Republic of Uganda and the Republic of Rwanda, signed in Kampala on 15 July 2005…….

N° 35/01 du 05/10/2005
Arrêté Présidentiel portant ratification du traité d'extradition entre la République de l'Ouganda et la République du Rwanda, signé à Kampala en date du 15 juillet 2005…….....

B. Iteka rya Minisitiri w'Intebe/Prime Minister's Order/Arrêté du Premier Ministre

N° 42/03 ryo kuwa 12/09/2005
Iteka rya Minisitiri w'Intebe rihindura kandi ryuzuza Iteka rya Minisitiri w'Intebe n° 01/03 ryo kuwa 24/02/2000 rigena imitunganyirize n'inshingano by'Urwego rushinzwe imanza n'ibindi bibazo byerekeranye n'amategeko bireba Leta.....

N° 42/03 of 12/09/2005
Prime Minister's Order modifying and completing the Prime Minister's Order n° 01/03 of 24/02/2000 on organisation and functions of the state's legal department……...

N° 42/03 du 12/09/2005
Arrêté du Premier Ministre modifiant et complétant l'Arrêté du Premier Ministre n° 01/03 du 24/02/2000 portant organisation et attributions du Service chargé du contentieux et des affaires juridiques de l'Etat……...

C. Amateka ya Minisitiri/Ministerial Orders/Arrêtés Ministériels

N° 131/11 ryo kuwa 25/10/2004
Iteka rya Minisitiri ritanga uburenganzira bwo guhindura izina.....
N° 001/15.00/2005/Coop ryo ku wa 13/04/2005
Iteka rya Minisitiri riha ubuzimagatozi Koperative yo Kuzigama no Kugurizanya "Duterimbere –Kigali" (COOPEDU KIGALI)…….……...
Amategeko-Remezo……..
N° 59/11 ryo kuwa 10/06/2005
Iteka rya Minisitiri ryemera ihindurwa ry'amategeko agenga umuryango Uharanira Amajyambere y'Akarere ka Ntongwe (ADENTO).....
Amategeko shingiro.....

N° 131/11 du 25/10/2004
Arrêté Ministériel portant autorisation de changement de nom……
N° 59/11 du 10/06/2005
Arrêté Ministériel portant approbation des modifications apportées aux statuts de l'Association pour le Développement du District de Ntongwe (ADENTO)……

ITEKA RYA PEREZIDA N° 35/01 RYO KUWA 05/10/2005 RYEMERA BURUNDU AMASEZERANO YO GUHEREREKANYA ABAGIZI BA NABI HAGATI YA REPUBULIKA YA UGANDA NA REPUBULIKA Y'U RWANDA, YASHYIRIWEHO UMUKONO I KAMPALA KU WA 15 NYAKANGA 2005

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika,

Dushingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 4 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 98 (3); iya 121 (1); iya 189 n'iya 201;

Tumaze kubona Amasezerano yo guhererekanya abagizi ba nabi hagati ya Repubulika ya Uganda na Repubulika y'u Rwanda, yashyiriweho umukono i Kampala ku wa 15 Nyakanga 2005;

Tubisabwe na Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 05/10/2005 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

TWATEGETSE KANDI DUTEGETSE:

Ingingo ya mbere:

Amasezerano yo guhererekanya abagizi ba nabi hagati ya Repubulika ya Uganda na Repubulika y'u Rwanda, yashyiriweho umukono i Kampala kuwa 15 Nyakanga 2005, yemejwe burundu kandi atangiye gukurikizwa uko yakabaye.

Ingingo ya 2:

Minisitiri w'Ubutabera na Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane basabwe kubahiriza iri teka.

Ingingo ya 3:

Andi mateka abanziriza iri kandi anyuranye naryo avanyweho.

Ingingo ya 4:

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ryatangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 05/10/2005

Perezida wa Repubulika
KAGAME Paul
(sé)

Minisitiri w'Intebe
MAKUZA Bernard
(sé)

Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane
Dr MURIGANDE Charles
(sé)

Minisitiri w'Ubutabera
MUKABAGWIZA Edda
(sé)

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika :

Minisitiri w'Ubutabera
MUKABAGWIZA Edda

(sé)

PRESIDENTIAL ORDER N° 35/01 OF 05/10/2005 ON THE RATIFICATION OF THE TREATY ON EXTRADITION BETWEEN THE REPUBLIC OF UGANDA AND THE REPUBLIC OF RWANDA, SIGNED IN KAMPALA ON 15 JULY 2005

We, KAGAME Paul,
President of the Republic,

Given the Constitution of the Republic of Rwanda, as amended to date, especially in its articles 98 paragraph 3, 112 paragraph 1, 189 and 201;

Given the treaty on extradition between the Republic of Uganda and the Republic of Rwanda, signed in Kampala on 15 July 2005;

On proposal by the Minister of Foreign Affairs and Cooperation;

After consideration and approval by Cabinet, meeting in its session of 05/10/2005;

HAVE ORDERED AND HEREBY ORDER:

Article One:

The treaty on extradition between the Republic of Uganda and the Republic of Rwanda, signed in Kampala on 15 July 2005, is hereby ratified and becomes fully effective.

Article 2:

The Minister of Justice and the Minister of Foreign Affairs and Cooperation are entrusted with the implementation of this Order.

Article 3:

All the prevision contrary to this Order are hereby repealed.

Article 4:

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 05/10/2005

The President of the Republic
KAGAME Paul
(sé)

The Prime Minister
MAKUZA Bernard
(sé)

The Minister of Foreign Affairs and Cooperation
Dr MURIGANDE Charles
(sé)

The Minister of Justice
MUKABAGWIZA Edda
(sé)

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

The Minister of Justice
MUKABAGWIZA Edda

(sé)

ARRETE PRESIDENTIEL N° 35/01 DU 05/10/2005 PORTANT RATIFICATION DU TRAITE D'EXTRADITION ENTRE LA REPUBLIQUE DE L'UGANDA ET LA REPUBLIQUE DU RWANDA, SIGNE A KAMPALA EN DATE DU 15 JUILLET 2005

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République,

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 98 alinéa 3, 112 alinéa 1, 189 et 201 ;

Considérant le traité d'extradition entre la République de l'Uganda et la République du Rwanda, signé à Kampala en date 05/07/2005 ;

Sur proposition du Ministre des Affaires Etrangères et de la Coopération ;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 05/10/2005 ;

AVONS ARRETE ET ARRETONS :

Article premier :

Le traité d'extradition entre la République de l'Uganda et la République du Rwanda, signé à Kampala en date du 15 juillet 2005, est ratifié et son plein et entier effet.

Article 2 :

Le Ministre de la Justice et le Ministre des Affaires Etrangères et de la Coopération sont chargés de l'exécution du présent arrêté.

Article 3 :

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Article 4 :

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 05/10/2005

Le Président de la République
KAGAME Paul
(sé)

Le Premier Ministre
MAKUZA Bernard
(sé)

Le Ministre des Affaires Etrangères et de la Coopération
Dr MURIGANDE Charles
(sé)

Le Ministre de la Justice
MUKABAGWIZA Edda
(sé)

Vu et scellé du Sceau de la République :

Le Ministre de la Justice
MUKABAGWIZA Edda

(sé)

ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 42/03 RYO KUWA 12/09/2005 RIHINDURA KANDI RYUZUZA ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 01/03 RYO KUWA 24/02/2000 RIGENA IMITUNGANYIRIZE N'INSHINGANO BY'URWEGO RUSHINZWE IMANZA N'IBINDI BIBAZO BYEREKERANYE N'AMATEGEKO BIREBA LETA

Minisitiri w'Intebe,

Dushingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 118 mu gika cya mbere, 10°g, iya 119, iya 121 igika cya 2 n'iya 201 ;

Dushingiye ku Itegeko n° 15/99 ryo ku wa 15 Kanama 1999 rihindura kandi ryuzuza Itegeko n° 03/97 ryo kuwa 19 Werurwe 1997 rishyiraho Urugaga Rw'Abavoka mu Rwanda cyane cyane mu ngingo yayo ya 2 ;

Dusubiye ku Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena Imitunganyirize n'Inshingano by'Urwego rushinzwe imanza n'ibindi bibazo byerekeranye n'amategeko bireba Leta, cyane cyane mu ngingo zaryo ya mbere, iya 2, iya 4 n'iya 5 ;

Bisabwe na Minisitiri w'Ubutabera ;

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 07 Nzeri 20005 imaze kurisuzuma no kuryemeza ;

ATEGETSE :

Ingingo ya mbere :

Ingingo ya mbere y'Iteka rya Minisitiri w'Intebe n° 01/03 ryo kuwa 24/02/2000 rigena imitunganyirize n'inshingano by'Urwego rushinzwe imanza n'ibindi bibazo byerekeranye n'amategeko bireba Leta ihinduwe kandi yujujwe itya:

"Hashyizweho muri Minisiteri ifite Ubutabera mu nshingano zayo, Urwego rutegekwa na Minisitiri rushinzwe imanza n'ibindi bibazo byerekeranye n'amategeko bireba Leta.

Urwo rwego ruyoborwa kandi imirimo yarwo igahuzwa n'Intumwa Nkuru ya Leta ishyirwaho n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

Intumwa Nkuru ya Leta yunganirwa mu mirimo n'intumwa Nkuru ya Leta Yungirije ishyirwaho n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

Ingingo ya 2:

Ingingo ya 2 y'Iteka rya Minisitiri w'Intebe n° 01/03 ryo kuwa 24/02/2000 rigena imitunganyirize n'inshingano by'Urwego rushinzwe imanza n'ibindi bibazo byerekeranye n'amategeko bireba Leta ihinduwe kandi yujujwe itya:

"Intumwa Nkuru ya Leta n'Intumwa Nkuru ya Leta Yungirije zigomba kuba zifite byibuze impamyabumenyi ihanitse mu mategeko yemewe mu Rwanda cyangwa yemeweho uburinganire, kandi zifite n'uburambe ku kazi butari munsi y'imyaka 5 mu mirimo yerekeye iby'amategeko."

Ingingo ya 3:

Ingingo ya 4 y'Iteka rya Minisitiri w'Intebe n° 01/03 ryo kuwa 24/02/2000 rigena imitunganyirize n'inshingano by'Urwego rushinzwe imanza n'ibindi bibazo byerekeranye n'amategeko bireba Leta ihinduwe kandi yujujwe itya:

"Buri gice gihabwa Intumwa ya Leta ikiyobora ishyirwaho hakurikijwe amategeko asanzwe kandi itegekwa n'Intumwa Nkuru ya Leta. Igomba kuba ifite byibuze impamyabumenyi ihanitse mu mategeko yemewe mu Rwanda cyangwa yemeweho uburinganire n'uburambe ku kazi butari munsi y'imyaka itatu mu mirimo yerekeye iby'amategeko.

Izindi Ntumwa za Leta zikenewe muri uru rwego ziba zifite byibuze impamyabumenyi ihanitse mu mategeko yemewe mu Rwanda cyangwa yemeweho uburinganire".

Ingingo ya 4:

Ingingo ya 5 y'Iteka rya Minisitiri w'Intebe n° 01/03 ryo kuwa 24/02/2000 rigena imitunganyirize n'inshingano by'Urwego rushinzwe imanza n'ibindi bibazo byerekeranye n'amategeko bireba Leta ihinduwe kandi yujujwe itya:

"Abakozi b'Urwego rushinzwe imanza n'ibindi bibazo byerekeranye n'amategeko bireba Leta bagengwa n'amategeko agenga abakozi bo mu Butegetsi Bwite bwa Leta. Batoranywa kandi bahabwa akazi hakurikijwe amategeko asanzwe.

Iteka rya Perezida rigena umushahara n'ibindi bigenerwa Intumwa Nkuru ya Leta, Intumwa Nkuru Yungirije, Intumwa za Leta n'abandi bakozi b'Urwego rushinzwe imanza n'ibindi bibazo byerekeranye n'amategeko bireba Leta".

Ingingo ya 5:

Ingingo zose z'amateka yabanjirije iri kandi anyuranye naryo zivanyweho;

Ingingo ya 6:

Iri teka ritangira gukurikizwa umunsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. Agaciro karyo gahera ku itariki ya 07 Nzeri 2005.

Bikorewe i Kigali, tariki ya 12/09/2005

Minisitiri w'Intebe
MUAKUZA Bernard
(sé)

Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi
Prof. NSHUTI Manasseh
(sé)

Minisitiri w'Ubutabera
MUKABAGWIZA Edda
(sé)

Minisitiri w'Abakozi ba Leta, Amahugurwa n'Umurimo
BUMAYA André Habib
(sé)

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika :

Minisitiri w'Ubutabera
MUKABAGWIZA Edda
(sé)

PRIME MINISTER'S ORDER N° 42/03 OF 12/09/2005 MODIFYING AND COMPLETING THE PRIME MINISTER'S ORDER N° 01/03 OF 24/02/2000 ON ORGANISATION AND FUNCTIONS OF THE STATE'S LEGAL DEPARTMENT

The Prime Minister,

Given the Constitution of the Republic of Rwanda of 4 June 2003, as amended to date, especially in its articles 118-10°g, 119, 121 paragraph 2 and 201;

Given the Law n° 15/99 of August 15, 1999 modifying and completing the law n° 03/97 of March 19, 1997 setting up Bar in Rwanda in article 2;

Review the Prime Minister's Order on Organisation and Functions of the State's Legal Department especially in its articles one, 2, 4 and 5;

On proposal by the Minister of Justice;

After consideration and approval by Cabinet, in its session of 07th September 2005;

HEREBY ORDERS:

Article One:

The article one of the Prime Minister's Order n° 01/03 of 24/02/2000 on organisation and functions of the State's legal Department is modified and completed as follows:

"A State Legal Department which is under the Minister's direct authority is hereby set up within the Ministry having Justice within its remit.

The activities of the Service are leaded and coordinated by the General Proxy appointed in the Prime Minister's Order.

The General Proxy is assisted in their attributions by a Deputy General Proxy appointed in the Prime Minister's Order."

Article 2:

The article 2 of the Prime Minister's Order n° 01/03 of 24/02/2000 on organisation and functions of the State's legal Department is modified and completed as follows:

"The General Proxy and the Deputy General Proxy must be holding at least a recognised degree in law or a recognised equivalent and have at least a five years experience in practising law."

Article 3:

The article 4 of the Prime Minister's Order n° 01/03 of 24/02/2000 on organisation and functions of the State's legal Department is modified and completed as follows:

"Each section is supervised by an in-charge appointed in accordance to the legislation in force and is placed under the General Proxy's direct authority. He must be holding at least a recognised degree in law or recognised equivalent and have at least a three years experience in legal practice.

Other staff must be holding at least a recognised degree in law or recognised equivalent."

Article 4:

The article 5 of the Prime Minister's Order n° 01/03 of 24/02/2000 on organisation and functions of the State's legal Department is modified and completed as follows:

"The staff of the State's legal department is subject to statutes governing the Central Administration's civil servants. It is recuited and employed according to the legistration in force.

The Presidential Order determine the salary and other advantage of the General Proxy, the Deputy General Proxy and other staff of the service of State's legal Department."

Article 5:

All previous regulatory provisions contrary to this order are repealed.

Article 6:

This order comes into force on the day of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. It takes effect as of 7th September 2005.

Kigali, on 12/09/2005

The Prime Minister
MAKUZA Bernard
(sé)

The Minister of Finance and Economic Planning
Prof. NSHUTI Manasseh
(sé)

The Minister of Justice
MUKABAGWIZA Edda
(sé)

The Minister of Public Service, Skills Development and Labour
BUMAYA André Habib
(sé)

Seen and sealed with the Seal of the Republic :

The Minister of Justice
MUKABAGWIZA Edda
(sé)

ARRETE DU PREMIER MINISTRE N° 42/03 DU 12/09/2005 MODIFIANT ET COMPLETANT L'ARRETE DU PREMIER MINISTRE N° 01/03 DU 24/02/2000 PORTANT ORGANISATION ET ATTRIBUTIONS DU SERVICE CHARGE DU CONTENTIEUX ET DES AFFAIRES JURIDIQUES DE L'ETAT

Le Premier Ministre,

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 118 alinéa premier-10°g, 119, 121 alinéa 2 et 201 ;

Vu la loi n° 15/99 du 15 août 1999 modifiant et complétant la loi n° 03/97 du 19 mars 1997 portant création du Barreau au Rwanda, spécialement en son article 2 ;

Revu l'Arrêté du Premier Ministre portant Organisation et attributions du Service chargé du contentieux et des affaires juridiques de l'Etat, spécialement en ses articles premier, 2, 4 et 5 ;

Sur proposition du Ministre de la Justice ;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 07 septembre 2005 ;

ARRETE :

Article premier :

L'article premier de l'Arrêté du Premier Ministre n° 01/03 du 24/02/2000 portant organisation et attributions du Service chargé du Contentieux et des Affaires juridiques de l'Etat est modifié et complété comme suit :

« Il est créé, au sein du Ministère ayant la Justice dans ses attributions et sous l'autorité directe du Ministre, un Service chargé du contentieux et des affaires juridiques de l'Etat.

Les activités de ce Service sont dirigées et coordonnées par un Mandataire Général nommé par Arrêté du Premier Ministre.

Le Mandataire Général est assisté dans ses attributions par le Mandataire Général Adjoint nommé par Arrêté du Premier Ministre. »

Article 2 :

L'article 2 de l'Arrêté du Premier Ministre n° 01/03 du 24/02/2000 portant organisation et attributions du Service chargé du Contentieux et des Affaires juridiques de l'Etat est modifié et complété comme suit :

« Le Mandataire Général de l'Etat et le Mandataire Général Adjoint de l'Etat doivent être détenteur d'au moins un diplôme légal de licence en droit ou reconnu équivalent et avoir une expérience d'au moins cinq ans dans l'exercice du droit. »

Article 3 :

L'article 4 de l'Arrêté du Premier Ministre n° 01/03 du 24/02/2000 portant organisation et attributions du Service chargé du Contentieux et des Affaires juridiques de l'Etat est modifié et complété comme suit :

« Chaque section est dirigée par un Mandataire de l'Etat nommé conformément à la législation en vigueur et est placé sous l'autorité directe du Mandataire Général. Il doit être détenteur d'au moins un diplôme légal de licence en droit ou reconnu équivalent et avoir une expérience d'au moins trois ans dans l'exercice du droit.

Les autres mandataires de l'Etat de ce service doivent avoir un diplôme légal de licence en droit ou reconnu équivalent. »

Article 4 :

L'article 5 de l'Arrêté du Premier Ministre n° 01/03 du 24/02/2000 portant organisation et attributions du Service chargé du Contentieux et des Affaires juridiques de l'Etat est modifié et complété comme suit :

« Le Personnel du Service chargé du contentieux et des affaires juridiques de l'Etat est soumis au statut régissant les agents de l'Administration Centrale. Il est recruté et engagé conformément à la législation en vigueur.

Un Arrêté Présidentiel détermine les salaires au autres avantages du Mandataire Général, du Mandataire Général Adjoint, des Mandataires de l'Etat et autres agents du Service chargé du contentieux et des affaires juridiques de l'Etat. »

Article 5 :

Toutes les dispositions antérieures réglementaires contraires au présent arrêté sont abrogées.

Article 6 :

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. Il sort ses effets à partir du 07/09/2005.

Fait à Kigali, le 12/09/2005

Le Premier Ministre
MAKUZA Bernard
(sé)

Le Ministre des Finances et de la Planification Economique
Prof. NSHUTI Manasseh
(sé)

Le Ministre de la Justice
MUKABAGWIZA Edda
(sé)

Le Ministre de la Fonction Publique, du Développement
des Compétences et du Travail
BUMAYA André Habib
(sé)

Vu et scellé du Sceau de la République :

Le Ministre de la Justice
MUKABAGWIZA Edda
(sé)

ITEKA RYA MINISITIRI N° 131/11 RYO KU WA 25/10/2004 RITANGA UBURENGANZIRA BWO GUHINDURA IZINA

Minisitiri w'Ubutabera,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 120 n'iya 121 ;

Ashingiye ku Itegeko n° 42/1988 ryo ku wa 27 Ukwakira 1988 rishyiraho interuro y'ibanze n'igitabo cya mbere cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano, cyane cyane mu ngingo zaryo, kuva ku ya 65 kugeza ku ya 71 ;

Amaze kubona Iteka rya Perezida n° 27/01 ryo ku wa 18 Nyakanga 2004 rigena amwe mu mateka y'Abaminisitiri yemezwa atanyuze mu Nama y'Abaminisitiri, cyane cyane mu ngingo yaryo ya mbere ;

Amaze kubona Iteka rya Minisitiri n° 019/17 ryo ku wa 05 Ukuboza 2001 rihindura Iteka rya Minisitiri n° 097/05 ryo ku wa 25 Werurwe 1992 rishyiraho umubare w'amafaranga atangwa n'abashaka guhindura amazina bwite cyangwa ay'ingereka n'uburyo yakirwa, cyane cyane mu ngingo yaryo ya mbere ;

Abisabwe na Bwana MUHUTU Donatien, utuye i Mugera, Umujyi wa Cyangugu, Intara ya Cyangugu mu rwandiko rwakiriwe ku wa 20 Ugushyingo 2002.

ATEGETSE :

Ingingo ya mbere :

Bwana MUHUTU Donatien, utuye i Mugera, Umujyi wa Cyangugu, Intara ya Cyangugu, ahawe uburenganzira bwo guhindura izina rya MUHUTU, akarisimbuza irya GATETE mu irangamimerere ye.

Ingingo ya 2:

Bwana MUHUTU Donatien ahawe igihe cy'amezi atatu uhereye ku munsi iri teka ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda kugira ngo ahinduze iryo zina mu gitabo cy'irangamimerere kirimo icyemezo cye cy'amavuko.

Ingingo ya 3:

Umubare w'amafaranga atangwa yerekeye guhindura amazina ni ibihumbi makumyabiri by'amanyarwanda agaragazwa na kitansi itanzwe na Kontabure wa Leta.

Ingingo ya 4:

Iri teka ritangira gukurikizwa umunsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 25/10/2004

Minisitiri w'Ubutabera
MUKABAGWIZA Edda
(sé)

ARRETE MINISTERIEL N° 131/11 DU 25/10/2004 PORTANT AUTORISATION DE CHANGEMENT DE NOM

Le Ministre de la Justice,

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 en ses articles 120 et 121 ;

Vu la Loi n° 42/1988 du 27 octobre 1988 instituant le titre préliminaire et livre premier du code civil, spécialement en ses articles 65 à 71 ;

Vu l'arrêté Présidentiel n° 27/01 du 18 juillet 20004 déterminant certains arrêtés Ministériels qui ne sont pas adoptés par le Conseil des Ministres, spécialement en son article premier ;

Vu l'arrêté Ministériel n° 019/17 du 05 décembre 2001 modifiant l'arrêté Ministériel n° 097/05 du 25 mars 1992 portant fixation des frais relatifs au changement de noms ou prénoms ainsi que les modalités de leurs perception, spécialement en son article premier ;

Sur requête introduite le 20 novembre 2002 par Monsieur MUHUTU Donatien, domicilié à Mugera, Ville de Cyangugu, Province de Cyangugu;

ARRETE :

Article premier :

Monsieur MUHUTU Donatien, domicilié à Mugera, Ville de Cyangugu, Province de Cyangugu est autorisé à remplacer le nom de MUHUTU par celui de GATETE dans son identification.

Article 2 :

Monsieur MUHUTU Donatien dispose d'un délai de trois mois à dater de la parution du présent arrêté au Journal Officiel de la République du Rwanda pour faire changer ces noms dans le registre de l'Etat Civil contenant son acte de naissance.

Article 3 :

Le montant des frais relatifs au changement de noms est de vingt mille francs rwandais constatés par une quittance délivrée par le Comptable Public.

Article 4 :

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 25/10/2004

Le Ministre de la Justice
MUKABAGWIZA Edda
(sé)

ITEKA RYA MINISITIRI N° 001/15.00/2005/COOP RYO KUWA 13/04 /2005 RIHA UBUZIMAGATOZI KOPERATIVE YO KUZIGAMA NO KUGURIZANYA DUTERIMBERE-KIGALI (COOPEDU-KIGALI)

Minisitiri w'Ubucuruzi, Inganda Ishoramari, Ubukerarugendo n'Amakoperative,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 120 n' iya 121 ;

Ashingiye ku Itegeko n°31/1988 ryo kuwa 12 Ukwakira 1988 ritunganya amakoperative mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 9;

Ashingiye ku Iteka rya Perezida wa Repubulika n°27/01 ryo kuwa 18/07/2004 rigena amwe mu mateka y'Abaminisitiri yemezwa atanyuze mu Nama y'Abaminisitiri, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 2 ;

Amaze kubona ibaruwa yo kuwa 26/01/2004 yanditswe na **Madamu KAYIRANGWA Bernadette**, Perezida w'Inama y'Ubutegetsi ya **COOPEDU-KIGALI** ifite intebe yayo mu Karere ka Nyarugenge, Umujyi wa Kigali;

ATEGETSE:

Ingingo ya mbere :

Koperative yo Kuzigama no Kuguriza Duterimbere-Kigali, **COOPEDU-KIGALI** ifite intebe yayo mu Karere ka Nyarugenge, Umujyi wa Kigali, ihawe ubuzimagatozi.

Ingingo ya 2 :

Iri teka ritangira gukurikizwa umunsi ryatangajwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 13 Mata 2004

Minisitiri w'Ubucuruzi, Inganda, Ishoramari,
Ubukerarugendo n'Amakoperative
Prof. NSHUTI Manasseh
(sé)

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Minisitiri w'Ubutabera
MUKABAGWIZA Edda
(sé)

KOPERATIVE YO KUZIGAMA NO KUGURIZA
DUTERIMBERE-KIGALI

« COOPEDU KIGALI »

AMATEGEKO-REMEZO

UMUTWE WA MBERE : IREMWA RY'UMURYANGO

Ingingo ya mbere : Ishingwa ry'umuryango

Hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko yerekeranye n'imitunganyirize y'amakoperative.

Abashyize umukono kuri aya mategeko n'abandi bazayemera, bashinze koperative y'izigama n'inguzanyo igengwa n'amategeko ariho mu gihugu, cyane cyane, itegeko ryo ku wa 12 ukwakira 1988, ritunganya amakoperative.

Ingingo ya 2 : **Izina ry'umuryango**

Koperative imaze kuremwa yiswe « Koperative yo Kuzigama no Kuguriza Duterimbere-Kigali », mu gifaransa « Coopérative d'Epargne et de Crédit Duterimbere-Kigali » mu magambo ahinnye « COOPEDU-KIGALI ».

Ingingo ya 3 : Intebe y'umuryango

Intebe y'umuryango ishyizwe mu Karere k'Umujyi wa Kigali.

Ingingo ya 4 : **Imbibi z'aho ikorera**

Imbibi za COOPEDU-KIGALI zigizwe n'Intara ya Kigali Ngari n'Umujyi wa Kigali.

Ingingo ya 5 : **Intego ya Koperative**

COOPEDU-KIGALI iharanira :

- gukusanya no gucunga neza umutungo w'abayigize ;
- gushishikariza ubufatanye no guterana inkunga hagati y'abanyamuryango ;
- gushora imari mu mishinga hakoreshejwe uburyo bw'inguzanyo ;
- guteza imbere amahugurwa mu by'ubukungu, mu mibereho myiza y'abantu, n'ubufatanye bw'abanyamuryango. Intego ya COOPEDU-KIGALI ishobora guhindurwa n'icyemezo cy'Inama Rusange, ku buryo ariko butabuza umuryango gukomeza kuba Koperative.

Ingingo ya 6 : **Igihe umuryango uzamara**

Koperative COOPEDU-KIGALI, izamara igihe cy'imyaka 30 uhereye igihe iboneye ubuzima-gatozi, keretse icyo gihe cyongerewe cyangwa COOPEDU-KIGALI isheshwe mbere y'uko kigera.

UMUTWE WA 2: ABANYAMURYANGO

Ingingo ya 7 : **Iyemerwa ry'abanyamuryango**

Kugira ngo umuntu abe umunyamuryango agomba :

1. Kuba afite nibura imyaka cumi n'umunani y'amavuko ;
2. Kugaragaza ko afite inyungu mu karere COOPEDU-KIGALI ikoreramo ;

3. Kudakora imirimo ibangamiye COOPEDU-KIGALI ;

4. Kuba yarishyuye imigabane ye yose mu mari y'ishingiro ya COOPEDU-KIGALI nk'uko biteganywa n'ingingo ya 17 y'aya mategeko;

5. Kwiyemeza kunyuza muri COOPEDU-KIGALI ibikorwa byose cyangwa igice cyabyo biteganyijwe mu ngingo y'aya mategeko ivuga intego y'umuryango ;

6. Kwemerwa n'Inama Rusange ya COOPEDU-KIGALI. Gusaba kwemerwa n'Inama Rusange binyuzwa ku Nama y'Ubutegetsi.

Ingingo ya 8 : **Kureka kuba umunyamuryango**

Umuntu areka kuba umunyamuryango wa COOPEDU-KIGALI bitewe n'urupfu, ukwegura cyangwa ukwirukanwa.

Ingingo ya 9: **Kwikura mu muryango**

Ushaka kwegura muri COOPEDU-KIGALI, yandikira Inama y'Ubutegetsi ikamuha icyemezo kivuga ko ibonye urwo rwandiko. Hanyuma iraterana ikamusubiza mu buryo bwanditse mu gihe kitarenze amezi atandatu. Icyo gihe gishize ntacyo Inama y'Ubutegetsi imushubije; uwasabye kuvamo yigendera nta nkomyi.

Ingingo ya 10 : **Iyirukanwa**

Bisabwe na buri wese ubifitemo inyungu, buri munyamuryango ashobora kwirukanwa iyo awangiriza cyangwa adakora ibyo yiyemeje, adakurikiza amategeko ya COOPEDU-KIGALI n'ibyemezo byafashwe n'inzego za Koperative.

Icyemezo cyo kwirukana umunyamuryango, gifatwa n'Inama Rusange ku bwiganze bwa ¾ by'amajwi y'abahari.

Icyakora, mu gihe byihutirwa, Inama y'Ubutegetsi ishobora guhagarika umunyamuryango mu gihe igitegereje icyemezo cy'Inama Rusange ikurikira.

Ingingo ya 11 : **Isubizwa ry'imigabane.**

Buri munyamuryango usezeye cyangwa wirukanwe afite uburenganzira bwo gusubizwa, mu gihe kitarenze imyaka ibiri, imigabane ye havuyemo igihombo cyabonetse ku mari y'ishingiro n'imyenda afitiye Koperative kimwe n'uruhare rwe mu myenda n'inguzanyo byafashwe atarayivamo. Ahabwa kandi n'inyungu ku migabane ye igihe cyose atarayisubizwa.

Abona kandi uruhare ku bwasisi bwabonetse muri Koperative uwo mwaka.

Ingingo ya 12 : **Izungurwa ry'umunyamuryango**

Iyo umunyamuryango wa COOPEDU-KIGALI apfuye, abamuzunguye bashobora kwandikira Inama Rusange, babinyujije ku Nama y'Ubutegetsi; basaba ko umwe muri bo yemerwa mu muryango mu kigwi cy'uwapfuye.

Ibivugwa ku ngingo ya 11 y'amategeko bireba n'uwazunguye umunyamuryango wapfuye.

Ingingo ya 13 : **Abisunze umuryango.**

Igihe bitanyuranyije n'aya mategeko, Inama y'Ubutegetsi ishobora kwemera ko Koperative ikorana n'abatayirimo.

Abo ntibashobora kugira uruhare mu butegetsi bwa Koperative cyangwa ku bwasisi bugenwa buri mwaka.

Ingingo ya 14 : Abakozi bahembwa.

COOPEDU-KIGALI ishobora gukoresha abakozi bahembwa, ariko ikabashakira mbere na mbere mu banyamuryango bayo, hakurikijwe kandi amategeko agenga imirimo n'ubwiteganyirize bw'abakozi. Kugira ngo umuntu yemererwe kuba umukozi uhembwa na Koperative, agomba kuba yujuje ibi bikurikira :

- Kuba umunyarwanda ;
- Kuba indakemwa mu mico no mu myifatire ;
- Gutanga amazina nibura y'abantu babiri bamuzi ;
- Kuba yararangije nibura amashuri abanza ;
- N'ibimdi biteganywa n'amategeko ngenga-mikorere ya COOPEDU-KIGALI.

Ingingo ya 15 : **Inyandiko zibikwa ku ntebe y'umuryango**.

Inama y'Ubutegetsi, cyane cyane Umwanditsi wayo, niyo ishinzwe inyandiko zikurukira :

1. Amategeko rusange n'ay'umwihariko bya Koperative ;
2. Igitabo cyandikwamo ibyemezo by'Inama y'Ubutegetsi n'iby'Inama Rusange, n'ikindi cyandikwamo raporo z'Inama y'Ubutegetsi.

Umucunga-mutungo wa COOPEDU-KIGALI ni we ushinzwe kwandika mu gitabo cy'abanyamuryango, cyandikwamo :

- Izina ry'umunyamuryango n'aho atuye, itariki y'iyemerwa, iy'isezera, iyo yirukaniweho cyangwa yapfiriyeho ;

- Umubare w'imigabane buri wese yishyuye ;
- Amafaranga yatanzwe cyangwa yakuwemo na buri munyamuryango.

Izo nyandiko zose zibikwa ku cyicaro cya Koperative.

Buri munyamuryango afite uburenganzira bwo kumenya icyanditswe muri ibyo bitabo, abinyujije k'ubibika, kandi nawe ahibereye.

UMUTWE WA GATATU : **IMARI Y'UMURYANGO** .

Ingingo ya 16 : **Imari y'ishingiro.**

Imari y'ishingiro ya Koperative igizwe n'imigabane buri munyamuryango yiyemeje gutanga kandi yarishye. Iyo migabane yandikwa ku izina bwite ry'uyishyuye, ntigabanywa, nticuruzwa ariko ishobora guhabwa undi byemejwe n'Inama Rusange.

Ingingo ya 17 : **Uko imari y'umuryango iteye.**

Imari y'ishingiro ya COOPEDU-KIGALI itangiriweho ishyizwe ku mafaranga 3.960.000, ahwanye n'imigabane 396. Buri mugabane ufite agaciro-remezo k'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi cumi (10.000 Frw). Buri munyamuryango agira nibura umugabane umwe.

Imigabane y'umunyamuryango igaragazwa n'icyemezo cy'amafaranga yatanzwe n'iyandikwa mu gitabo cy'abanyamuryango. Imari y'ishingiro ishobora kongerwa n'imigabane mishya.

Ishobora kandi kugabanuka bitewe no guhomba, kwishyura cyangwa kuzibukira imyenda.

Ingingo ya 18 : **Iyongerwa n'igabanywa ry'imari y'ishingiro.**

Imari y'ishingiro ishobora kongerwa n'imigabane mishya. Ishobora kugabanyuka bitewe no guhomba, kwishyura cyangwa kuzibukira imyenda.

Imari y'ishingiro ntishobora kugabanukaho ibirenze 1/2 bitewe no gusubiza abanyamuryango bavuyemo imigabane yabo.

Iyo Koperative izaba yarahawe inguzanyo n'ikigo cya Leta cyangwa cyigenga, imari y'ishingiro yayo ntizashobora kugabanywa n'isubizwa ry'imigabane igihe inguzanyo itarishyurwa yose.

Keretse byemejwe na Minisitiri ufite Koperative mu nshingano ze kandi n'uwishyuza akabyemeza mu nyandiko.

UMUTWE WA KANE : IBYEREKEYE INZEGO N'UBUBASHA BWAZO

Ingingo ya 19 : Inama Rusange

Inama Rusange igizwe n'intumwa z'uturere twa COOPEDU-KIGALI, hiyongereyeho abagize Inama y'Ubutegetsi, iy'Ubugenzuzi n'Abagize Komisiyo y'inguzanyo.

Inama Rusange ni rwo rwego rukuru rwa Koperative. Izindi nzego zose zihabwa ububasha na yo.

Imbibi z'uturere twa Koperative ziteganywa n'amategeko ngengamikorere.

Ingingo ya 20 : Ububasha bw'Inama Rusange.

Inama Rusange isanzwe iterana rimwe mu mwaka itumiwe na Perezida w'Inama y'Ubutegetsi, byemejwe n'Inama y'Ubutegetsi.

Inama Rusange iterana kugira ngo :

- imenyeshwe ibyakozwe na Koperative umwaka ushize;
- isuzume kandi yemeze imibaruro y'umutungo ;
- ishyireho, niba bishoboka, ikigero cy inyungu ku migabane mu buryo buteganywa n'itegeko ;
- yemeze ubwasisi bugomba gutangwa n'uko bwatangwa ;
- itore abagize Inama y'Ubutegetsi, iy'Ubugenzuzi na Komisiyo y'Inguzanyo ;
- iteganye ibizakorwa mu gihe kiri imbere ;
- ishyireho ingengo y'imari ;
- yemere abanyamuryango bashya ;
- isuzume ikindi kibazo cyose giteganyijwe kwigwa uwo munsi.

Ingingo ya 21 : Itumizwa ry'Inama Rusange

Inama Rusange ya COOPEDU-KIGALI ihamagazwa hasigaye nibura iminsi makumyabiri kugira ngo inama ibe; urwandiko ruyitumiza rwohererezwa buri munyamuryango watowe guhagararira akarere, kandi hagakoreshwa ubundi buryo bwose butuma bimenyekana bihagije.

Itumiza rigomba kugaragaza ibiri ku murongo w'ibyigwa, itariki n'aho inama izabera ;

Umuyobozi w'Akarere k'aho COOPEDU-KIGALI ikorera arabimenyeshwa .

Ingingo ya 22 : Ifatwa ry'ibyemezo

Inama Rusange ntishobora gufata ibyemezo ku buryo bwemewe iyo umubare w'abanyamuryango bahagarariye uturere utarenze 1/2 cy'abateganyijwe hakurikijwe imihagararirwe y'uturere.

Iyo uwo mubare utabonetse ku nshuro ya mbere, Inama Rusange ihamagarwa bwa kabiri mu minsi munani ku buryo bumwe n'ubwa mbere. Yiga ibyari bisanzwe biteganyijwe kandi igafata ibyemezo ku buryo bwemewe, uko abahari baba bangana kose.

Ibyemezo bifatwa hakurikijwe umubare w'amajwi arenze 1/2 cy'abanyamuryango bahari. Buri munyamuryango uhari agira ijwi rimwe mu itora.

Ibyavuzwe mu Inama Rusange bigaragazwa n'inyandiko-mvugo ishyirwaho umukono na Perezida n'Umwanditsi.

Ingingo ya 23 : **Inama Rusange idasanzwe**

Inama Rusange idasanzwe ishobora guterana itumiwe n'Inama y'Ubutegetsi cyangwa iy'Ubugenzuzi, iyo bisabwe n'icya gatatu cy'abagize COOPEDU-KIGALI cyangwa na Minisitiri ufite amakoperative mu nshingano ze.

Isuzuma ivugururwa ry'amategeko agenga Koperative ikaniga ikibazo cyose gikomeye kandi cyihutirwa.

Ingingo ya 24 : **Ihamagazwa n'ifatwa ry'ibyemezo**

Inama Rusange idasanzwe ihamagazwa hasigaye nibura iminsi cumi n'itanu kugira ngo iterane.

Ntishobora gufata ibyemezo ku buryo bwemewe iyo abahagarariye uturere bahari batageze kuri bibiri bya gatatu by'abateganyijwe hakurikijwe imihagararirwe y'uturere.

Iyo uwo mubare utabonetse ku nshuro ya mbere, inama ihamagazwa bwa kabiri mu minsi umunani. Ifata ibyemezo ku buryo bwemewe uko abahari baba bangana kose.

Ibyemezo bifatwa ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu (2/3) by'amajwi y'abahagarariye uturere bitabiriye inama.

Ingingo ya 25:

Inama Rusange y'akarere igizwe n'abanyamuryango bose batuye muri ako karere cyangwa abahagarariye hakurikijwe uko amategeko ngengamikorere abiteganya.

Ingingo ya 26:

Inama Rusange y'akarere iterana nibura kabiri buri mwaka, itumiwe n'Umuyobozi w'Ibiro byako cyangwa kimwe cya gatatu cy'abanyamuryango bagize ako karere.

Iyambere iterana imbere y'Inama Rusange ya Koperative nibura hasigaye iminsi mirongo itanu kugira ngo iyitegure.

Iyakabiri igaterana nyuma y'Inama Rusange ya Koperative kugira ngo igezweho ibyemezo byayifatiwemo.

Ingingo ya 27:

Inama Rusange isanzwe y'akarere ifata ibyemezo kimwe n'inama isanzwe ya Koperative.

Ingingo ya 28:

Inama Rusange idasanzwe y'akarere itumirwa hasigaye nibura iminsi mirongo itatu ngo iterane. Ifata ibyemezo kimwe n'inama rusange idasanzwe ya Koperative.

Ingingo ya 29:

Buri karere kitorera abagize ibiro byako. Batorerwa igihe cy'imyaka itatu. Bashobora kongera gutorwa. Buri mwaka abagize ibiro by'akarere bitoramo uzabayobora, umwungiririje n'umwanditsi kandi bashobora kongera gutorwa.

Ingingo ya 30:

Ibiro by'akarere bishinzwe :

- Kumenyesha abanyamuryango b'akarere ibyemejwe n'Inama Rusange zisanzwe n'izidasanzwe ziherutse za COOPEDU-KIGALI;
- gutumira no kuyobora inama zisanzwe n'izidasanzwe z'akarere.
- gukora raporo y'inama igashyikirizwa ubuyobozi bwa Koperative.
- Kwitabira ibikorwa byose biteganywa mu rwego rwo gushyira mu bikorwa cyangwa gukurikiza ibyemezo by'inzego za Koperative.

Icyiciro cya 2 : **Ibyerekeye Inama y'Ubutegetsi**

Ingingo ya 31 : **Uko iteye**

COOPEDU-KIGALI iyoborwa n'Inama y'Ubutegetsi igizwe n'abanyamuryango icyenda (9). Batorerwa igihe cy'imyaka itatu kandi bashobora kongera gutorwa.

Inama y'Ubutegetsi igizwe na :

- Biro igizwe na Perezida, Visi-Perezida n'Umunyamabanga ;
- Abajyanama batandatu.

Umubare nyawo w'abagize Inama y'Ubutegetsi ya Koperative ugenwa n'amategeko ngenga-mikorere.

Ingingo ya 32:

Kugira ngo umuntu ashobore gutorerwa kuba mu Inama y'Ubutegetsi bwa COOPEDU-KIGALI agomba kuba yujuje ibi bikurikira :

1. Kuba adakora umurimo ahemberwa muri COOPEDU-KIGALI ;

2. Kuba atarakatiwe burundu igihano cy'igifungo kirenze amezi atandatu mu myaka itanu ishize kubera kuba yarakoze icyaha gikomeye cyateganijwe n'igitabo cy'amategeko ahana ;

3. Kuba adakora umurimo ubangamiye COOPEDU-KIGALI, ku buryo buziguye cyangwa butaziguye, yaba abikora rimwe cyangwa igihe cyose.

Igihe hari impaka zerekeye ibivugwa kuri N° 3, Minisitiri ufite amakoperative mu nshingano ze afite ububasha bwo gutanga uruhushya iyo ari ngombwa kugira ngo COOPEDU-KIGALI itunganye imirimo yayo.

Ingingo ya 33 : **Iterana**

Perezida cyangwa Umusimbura we ni bo batumira Inama y'Ubutegetsi mu gihe cyose bibaye ngombwa kandi igaterana nibura rimwe mu mezi atatu.

Ishobora na none guterana iyo Minisitiri ufite amakoperative mu nshingano ze abitegetse, iyo Abagenzuzi b'imari cyangwa igice cya gatatu cy'abanyamuryango babisabye.

Ingingo ya 34 : **Gufata ibyemezo**

Kugira ngo ibiyivugiwemo byemerwe, Inama y'Ubutegetsi igomba kuba iteraniwemo n'ibice bibiri bya gatatu by'abayigize.

Ibyemezo bifatwa hakurikije ubwinshi bw'abahari. Iyo amajwi angana, ku nshuro ya kabiri, ikibazo batumvikanaho gisuzumwa mu Nama y'Ubutegetsi ikurikira, kitakemurwa muri iyo nama, kigashyikirizwa Inama Rusange idasanzwe.

Ibyavugiwe mu nama bigaragazwa n'inyandiko-mvugo kandi bigashyirwaho umukono na Perezida n'Umwanditsi.

Ingingo ya 35 : **Ububasha bw'Inama y'Ubutegetsi**

Uretse ububasha bweguriwe Inama Rusange, Inama y'Ubutegetsi ifite ububasha burambuye mu byerekeye ubuyobozi n'imicungire y'imari ya COOPEDU-KIGALI.

Inama y'Ubutegetsi ishobora guha umwe cyangwa benshi mu bayigize, bumwe mu bubasha bwayo cyangwa ikabaha ububasha bwo kurangiza imwe mu mirimo yayo.

Inama y'Ubutegetsi ni yo igomba :

- gutegura amategeko ngenga-mikorere agashyikirizwa Inama Rusange ngo iyemeze ;
- kugenzura niba imirimo ya COOPEDU-KIGALI igenda neza ;
- gushyiraho cyangwa gukuraho abakozi ba COOPEDU-KIGALI babihemberwa ;
- gutanga umurongo w'amategeko y'inguzanyo yemezwa n'Inama Rusange ;
- Gushyikiriza Inama Rusange raporo y'imicungire ya Koperative, igenamigambi n'ingengo y'imari.

Ingingo ya 36 :

Abagize Inama y'Ubutegetsi baryozwa amakosa baba barakoze buri muntu ku giti cye cyangwa bafatanyije, igihe bakoraga imirimo bashinzwe.

Ingingo ya 37 : **Umushahara w'abajyanama**

Imirimo y'abagize Inama y'Ubutegetsi ntihemberwa. Gusa, bashobora gusubizwa amafaranga yose batanze baza mu nama cyangwa barangiza inshingano zabo, mu buryo buteganwa n'amatageko y'umwihariko ya COOPEDU-KIGALI.

Icyiciro cya 3 : Ibyerekeye Inama y'Ubugenzuzi

Ingingo ya 38 : **Ishyirwaho ry'Inama y'Ubugenzuzi**

Inama Rusange ya COOPEDU-KIGALI ishyiraho Inama y'Ubugenzuzi itorerwa umwaka umwe, igizwe n'abantu batatu, b'abanyamuryango cyangwa batari bo, bashinzwe kugenzura imirimo yose ya Koperative. Bashobora kongera gutorwa.

Ingingo ya 39 : Ububasha bw'Inama y'Ubugenzuzi

Inama y'Ubugenzuzi ishinzwe :

- kugenzura ibitabo, isanduku n'ibyo COOPEDU-KIGALI itunze itabikuye aho biri, kugenzura ibaruramutungo, imbonerahamwe y'umutungo no kureba ko inyandiko zerekana imicungire y'imari ya buri munsi ari zo ;

- kugenzura niba ibyemezo byafashwe n'Inama Rusange n'iy'Ubutegetsi byarubahirijwe ;

- kureba niba amategeko agenga Koperative n'ay'umwihariko yubahirizwa.

Inama y'Ubugenzuzi, igihe ishakiye cyose, ariko itivanze mu micungire ya buri munsi ya Koperative, ishobora gusuzuma cyangwa kugenzura ibyo ibona ari ngombwa.

Abagize Inama y'Ubugenzuzi bashobora guhabwa igihembo gishyirwaho n'Inama Rusange.

Ingingo ya 40 :

Abadashobora gutorerwa kuba mu bagize Inama y'Ubugenzuzi bwa COOPEDU-KIGALI :

1. Abagize Inama y'Ubutegetsi, abo bashyingiranywe kimwe n'abo bafitanye isano kugeza ku rwego rwa mbere ;

2. Abantu bahembwa ku buryo ubwo ari bwo bwose na COOPEDU-KIGALI, n'abagize Inama y'Ubutegetsi, cyangwa n'Abacungamutumgo ba Koperative ndetse n'abashyingiranywe n'abo bantu bahembwa.

Iyo hagize umwe muri iyo miziro yateganyijwe ugaragara kandi umugenzuzi yaratangiye imirimo, ategetswe kwegura ako kanya kandi akabimenyesha Umuyobozi w'Inama y'Ubutegetsi mu minsi itarenga cumi n'itanu umuziro umenyekanye.

Icyiciro cya 4 : Ibyerekeye Komisiyo y'inguzanyo

Ingingo ya 41 :

Iyi Komisiyo y'inguzanyo ifite inshingano zikurikira :

- Kwemeza ko inguzanyo zitangwa ;
- Gukurikira ishyirwa mu bikorwa ry'amategeko agenga inguzanyo.
- Gukurikirana iyishyurwa ry'inguzanyo zatanzwe.

Ingingo ya 42 :

Komisiyo y'inguzanyo igizwe n'abantu batanu batorwa n'Inama Rusange mu banyamuryango ba COOPEDU-KIGALI. Batorerwa igihe cy'imyaka ibiri kandi bashobora kongera gutorwa.

Uri muri komisiyo y'inguzanyo ntabwo yemerewe kubangikanya iyo mirimo n'iy'Inama y' Ubutegetsi cyangwa y'Ubugenzuzi bya COOPEDU-KIGALI.

Abagize komisiyo y'inguzanyo bitoramo Perezida ,Visi-Perezida n'Umunyamabanga.

Komisiyo y'inguzanyo iterana rimwe mu kwezi na buri gihe cyose bibaye ngombwa.

Ingingo ya 43 :

Umunyamuryango wese wa COOPEDU-KIGALI wangiwe inguzanyo ashobora gushyikiriza ikibazo cye Inama y'Ubutegetsi.

Imaze kumva ibisobanuro by'umunyamuryango, Inama y'Ubutegetsi ifata icyemezo ikurikije amategeko y'inguzanyo.

Ingingo ya 44 :

Iyo igihe cy'ibonezamutungo y'inguzanyo kirangiye, Komisiyo imurikira Inama y'Ubutegetsi ibyo yakoze. Inama y'Ubutegetsi ikabigeza ku Nama Rusange..

Icyiciro cya 5 : Ibyerekeye icungamutungo

Ingingo ya 45 : **Ishyirwaho ry'Umucungamutungo**

Inama y'Ubutegetsi ishyiraho Umucungamutungo w'umunyamuryango cyangwa utari we, agacunga COOPEDU-KIGALI buri munsi, akaba ari nayo amurikira imirimo.

Mbere yo gutangira akazi, hagomba kuba amasezerano y'umurimo yanditse y'Ubutegetsi, nk'uko amategeko agenga imirimo mu Rwanda abiteganya.

Inama y'Ubutegetsi ni yo yemeza umushahara n'ibindi bihembo by'Umucungamutungo.

Ingingo ya 46:

Umucunga-mutungo wa COOPEDU-KIGALI abujijwe gukora ku buryo butaziguye cyangwa buziguye imirimo isa n'iyo akorera COOPEDU-KIGALI.

UMUTWE WA GATANU : IBYEREKEYE IMARI

Ingingo ya 47 : **Umwaka w'ibonezamutungo**

Igihe fatizo cy'ibonezamutungo gitangira kuwa mbere Mutarama kikarangira kuwa 31 Ukuboza kwa buri mwaka, uretse ko mu mwaka wa mbere, icyo gihe gitangirana n'umunsi COOPEDU-KIGALI yaboneye ubuzima-gatozi.

Ingingo ya 48 : **Inyandiko zisoza umwaka**

Inama y'Ubutegetsi ikora izi nyandiko zikurikira kugira ngo zizasuzumwe n'Inama Rusange isanzwe :

1. Imbonerahamwe y'umutungo ;

2. Umubaruro w'inyungu n'igihombo ;

3. Imurika ry'ibyakozwe umwaka ushize ;

Iryo murika rigaragaza imigambi y'ubutaha n'ibyemezo byafatwa mu micungire izaza ya COOPEDU-KIGALI. Izo nyandiko zishyikirizwa Inama y'Ubugenzuzi hasigaye nibura iminsi mirongo ine n'itanu kugira ngo Inteko Rusange iterane.

Inama y'Ubugenzuzi ikora imurika-bikorwa ikarishyira ku cyicaro cya COOPEDU-KIGALI hamwe n'inyandiko zose zimaze kuvugwa hasigaye nibura iminsi cumi n'itanu kugira ngo Inama Rusange iterane.

4. Gahunda y'ibigomba gukorwa mu mwaka ukurikira n'ingengo y'imari yawo.

Ingingo ya 49 : **Igabanywa ry'inyungu**

Amafaranga y'inyungu abonetse buri mwaka, havanyweho ayatanzwe ku bikorwa rusange n'andi yose COOPEDU-KIGALI izajya iba yakoresheje, agabanywa ku buryo bukurikira :

- 20 ku ijana azigamirwa COOPEDU-KIGALI nk'uko amategeko abiteganya ;
- 10 ku ijana ashyirwa mu isanduku igoboka amakoperative ;
- 70 ku ijana asigaye, Inama Rusange igena uko azakoreshwa.

Amafaranga azigamwa ni umutungo rusange udashobora kugabanywa abanyamuryango.

Ntashobora gushyirwa mu mutungo w'ishingiro cyangwa kongera imigabane. Kuzigamira Koperative bireka kuba itegeko, igihe umubare w'amafaranga yabitswe ungana n'imari y'ishingiro ya Koperative.

COOPEDU-KIGALI iramutse isheshwe, Inama Rusange yakwemeza icyo yakoreshwa.

Ingingo ya 50

Iyo imari y'ishingiro igabanutseho kimwe cya kabiri, Inama Rusange idasanzwe igomba guterana ikaba yafata icyemezo cyo gusesa COOPEDU-KIGALI.

Ingingo ya 51 : **Inyungu y'imigabane**

Imigabane ya buri muntu ishobora kubona urwunguko rungana n'ane ku ijana (4%).

Iyo nyungu ishyirwaho n'Inama Rusange, itangwa gusa iyo hagize amafaranga asaguka muri uwo mwaka.

Ingingo ya 52 : **Ubwasisi**

Ubwasisi butangwa hakurikijwe ibyo buri munyamuryango yakoranye na COOPEDU-KIGALI.

COOPEDU-KIGALI yahombye, nta bwasisi bushobora gutangwa igihe cyose inyungu y'imyaka ikurikira itaraziba icyuho cy'ibyo bihombo.

UMUTWE WA GATANDATU : ISESWA RYA COOPEDU-KIGALI, IYEGERANYA N'IGABANYA RY'UMUTUNGO WAYO

Ingingo ya 53 : **Iseswa n'ivanwaho ry'Umuryango**

Iseswa n'ivanwaho by'umuryango bikorwa hakurikijwe itegeko 12/10/1988 ritunganya amakoperative.

COOPEDU-KIGALI ishobora guseswa, biturutse ku cyemezo cy'Inama Rusange Idasanzwe gifashwe na babiri bya gatatu by'abanyamuryango bose.

COOPEDU-KIGALI ishobora guseswa biturutse ku mpamvu zikurikira :

- iyo igihe yagombaga kumara kigeze ;
- guhagarika imirimo mu gihe cy'imyaka ibiri ;
- iyo imari y'ishingiro igabanutse bitatu bya kane.

Ingingo ya 54:

Mu gihe cy'iseswa rya COOPEDU-KIGALI, n'iyegeranya ry'umutungo wayo, Inama Rusange yemeza icyo umutungo usigaye wakoreshwa bamaze kwishyura imyenda no gusubiza abanyamuryango imigabane yabo.

Iyo iyegeranya rigaragaza igihombo kirenze imari y'ishingiro ya COOPEDU-KIGALI, icyo gihombo gisaranganywa n'abanyamuryango hakurikijwe imigabane ya buri muntu mu mari y'ishingiro ya COOPEDU-KIGALI.

Iyo COOPEDU-KIGALI isheshwe igihe igomba kumara kigeze abashinzwe kwegeranya no kugabagabanya umutungo wayo bashyirwaho n'Inama Rusange ya nyuma ya COOPEDU- KIGALI.

Iyo COOPEDU- KIGALI isheshwe imburagihe, Inama Rusange cyangwa urukiko bishyiraho umuntu umwe cyangwa benshi bo kwegeranya umutungo wayo.

Abakora ako kazi bafite ububasha busesuye bwo kurangiza imirimo yerekeye umutungo wa COOPEDU-KIGALI.

UMUTWE WA KARINDWI : AMATEGEKO ASOZA

Ingingo ya 55 : Ikemurwa ry'impaka

Impaka zose zishobora kuvuka mu banyamuryango, zishyikirizwa Inama y'Ubutegetsi n'Inama Rusange kugira ngo zibanze zizige kandi zishake uko zizarangizwa bya kivandimwe mbere yo gushyikirizwa inkiko.

Ingingo ya 56 : **Itegeko ry'umwihariko rigenga imikorere y'umuryango**

Ibidateganyijwe muri aya mategeko bigomba gushyirwa mu itegeko ry'umwihariko rigenga imikorere ya COOPEDU-KIGALI, ritegurwa n'Inama y'Ubutegetsi, mbere yo kwemezwa n' Inama Rusange.

Ingingo ya 57:

Aya mategeko atangiye gukurikizwa umunsi yemerejweho.

Bikorewe i Kigali, kuwa 19 Ukuboza 1999

Byemejwe n'Inteko Rusange ihagarariwe
n'Abanyamuryango

ITEKA RYA MINISITIRI N° 59/11 RYO KUWA 10/06/2005 RYEMERA IHINDURWA RY'AMATEGEKO AGENGA « UMURYANGO UHARANIRA AMAJYAMBERE Y'AKARERE KA NTONGWE » (ADENTO).

Minisitiri w'Ubutabera,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y' u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 120 n' iya 121 ;

Ashingiye ku Itegeko n°20/2000 ryo kuwa 26 Nyakanga 2000 ryerekeye imiryango idaharanira inyungu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 12, iya 14 n'iya 42 ;

Amaze kubona Iteka rya Perezida n°27/01 ryo kuwa 18 Nyakanga 2004 rigena amwe mu mateka y'Abaminisitiri yemezwa atanyuze mu Nama y'Abaminisitiri, cyane cyane mu ngingo yaryo ya mbere ;

Asubiye ku Iteka rya Minisitiri n°307/01 ryo kuwa 27 Ukwakira 1992 riha ubuzimagatozi « Umuryango Uharanira Amajyambere y'Akarere ka Ntongwe » (ADENTO), cyane cyane mu ngingo yaryo ya mbere ;

Abisabwe n'Abavugizi b' « Umuryango Uharanira Amajyambere y'Akarere ka Ntongwe » (ADENTO) mu rwandiko rwakiriwe kuwa 25 Gicurasi 2005 ;

AT EGETSE:

Ingingo ya mbere :

Icyemezo cy'abagize ubwiganze bw' « Umuryango Uharanira Amajyambere y'Akarere ka Ntongwe » (ADENTO) cyafatiwe mu Nteko Rusange yo kuwa 03 Werurwe 2002 cyo guhindura amategeko agenga uwo muryango nk'uko ateye ku mugereka w'iri teka kiremewe.

Ingingo ya 2 :

Ingingo zose z' amateka yabanjirije iri kandi zinyuranyije naryo zivanyweho.

Ingingo ya 3:

Iri teka ritangira gukurikizwa umunsi rishyiriweho umukono. Agaciro karyo gahera ku italiki ya 03 Werurwe 2002.

Kigali, kuwa 10/06/2005

Minisitiri w'Ubutabera
MUKABAGWIZA Edda
(sé)

ARRETE MINISTERIEL N° 59/11 DU 10 JUIN 2005 PORTANT APPROBATION DES MODIFICATIONS APPORTEES AUX STATUTS DE L' « ASSOCIATION POUR LE DEVELOPPEMENT DU DISTRICT DE NTONGWE » (ADENTO).

Le Ministre de la Justice,

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, spécialement en ses articles 120 et 121 ;

Vu la loi n° 20/2000 du 26 juillet 2000 relative aux associations sans but lucratif, spécialement en ses articles 12, 14 et 42 ;

Vu l'Arrêté Présidentiel n°27/01 du 18 juillet 2004 déterminant certains arrêtés ministériels qui ne sont pas adoptés par le Conseil des Ministres, spécialement en son article premier ;

Revu l'Arrêté Ministériel n°307/01 du 27 octobre 1992 accordant la personnalité civile à l' « Association pour le Développement du District de Ntongwe » (ADENTO), spécialement en son article premier ;

Sur requête du Représentant Légal de l' « Association pour le Développement du District de Ntongwe » (ADENTO), reçue le 25 mai 2005 ;

ARRETE:

Article premier:

Est approuvée la décision de la majorité des membres effectifs de l' « Association pour le Développement du District de Ntongwe" (ADENTO) prise au cours de l'Assemblée Générale du 03 mars 2002 de modifier les statuts de ladite association tels qu'ils figurent en annexe du présent arrêté.

Article 2:

Toutes les dispositions réglementaires antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Article 3:

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa signature. Il sort ses effets à partir du 03 mars 2002.

Kigali, le 10 juin 2005

Le Ministre de la Justice
MUKABAGWIZA Edda
(sé)

UMURYANGO UHARANIRA AMAJYAMBERE Y'AKARERE KA NTONGWE « ADENTO »ASBL.

UMUTWE WA MBERE : IZINA, ICYICARO, AKARERE UKORERAMO, INTEGO N'IGIHE UZAMARA

Ingingo ya mbere:

Hakurikijwe itegeko n° 20 ryo kuwa 26/7/2000, ryerekeye imiryango idaharanira inyungu, hashyizweho umuryango uharanira amajyambere y'Akarere ka Ntongwe witwa « ADENTO, ASBL » mu magambo ahinnye y'igifaransa, witwa umuryango mu ngingo zikurikira :

Ingingo ya 2:

Umuryango ukorera ku rwego rw'Akarere ka Ntongwe. Icyicaro cyawo kiri i Ntongwe mu murenge wa Kinazi, ariko gishobora kwimurirwa mu wundi murenge w'Akarere ka Ntongwe bimaze kwemezwa n'Inteko Rusange.

Ingingo ya 3:

Umuryango ugamije intego zikurikira :

1. Guharanira amajyambere mu rwego rw'iterambere n'ubukungu.
2. Guteza imbere imibereho y'abaturage, umuco n'uburezi.

Ingingo ya 4:

Igihe umuryango uzamara ntigiteganijwe.

UMUTWE WA II : ABANYAMURYANGO

Ingingo ya 5:

Umuryango ugizwe n'abanyamuryango nyirizina hamwe n'abanyamuryango by'icyubahiro.

Abanyamuryango nyirizina ni :

- Abawushinze bakanashyira umukono kuri aya mategeko mu nama yawo ya mbere ;
- Abayobotse umuryango nyuma y'uko ushingwa, kandi bakanemerwa n'Inteko Rusange.

Abanyamuryango b'icyubahiro ni abantu bose cyangwa imiryango biyemeje gutera inkunga umuryango kugira ngo urangize inshingano zawo, kandi bakemerwa n'Inteko Rusange.

Ingingo ya 6 :

Uwifuza kuba umunyamuryango abisaba uhagarariye umuryango mu nyandiko. Abashobora kuba abanyamuryango ni abantu ku giti cyabo cyangwa imiryango ifite ubuzima gatozi. Abanyamuryango nyirizina bafite uburenganzira bwo gikurikirana imirimo y'Inteko Rusange n'ubwo gutora. Abanyamuryango b'icyubahiro bashobora gukurikirana imirimo y'inama y'Inteko Rusange, no kugishwa inama mu nama zose z'umuryango ariko ntibashobora gutora.

Ingingo ya 7 :

Umunyamuryango areka kwitwa umunyamuryango iyo asezeye ku bushake bwe mu nyandiko, yandikira Uhagarariye umuryango. Iyo yitabye Imana, cyangwa iyo asezerewe bisabwe n'inama y'ubuyobozi, ariko bikemezwa n'Inteko Rusange ku bwiganze bwa 2/3 by'amajwi y'abari mu nama.

Ingingo ya 8 :

Impamvu zishobora gutuma umunyamuryango asezererwa ni izi zikurikira :

- imyifatire mibi
- kudakurikiza amategeko agenga umuryango
- kubangamira inyungu z'umuryango.

UMUTWE WA III : INZEGO Z'UMURYANGO

Ingingo ya 9 :

Inzego z'umuryango ni izi zikurikira :

- Inteko Rusange
- Inama y'Ubuyobozi
- Komite Nyobozi
- Ubuhuzabikorwa
- Inama Ngenzuzi.

Icyiciro cya mbere: Inteko Rusange

Ingingo ya 10:

Inteko Rusange nirwo rwego rukuru rw'umuryango. Igizwe n'abanyamuryango bose, abawushinze n'abawinjiyemo nyuma.

Ingingo ya 11:

Inteko Rusange ifite inshingano zikurikira :

1. Kwemeza no guhindura amategeko agenga umuryango n'amategeko yihariye yawo ;
2. Gushyiraho no kuvanaho abahagarariye umuryango n'ababungirije ;
3. Kwemeza ibyo umuryango uzakora ;
4. Kwemera guhagarika no gusezerera umunyamuryango ;
5. Kwemeza buri mwaka imicungire y'amafaranga ;
6. Kwemera impano n'indagano ;
7. Gusesa umuryango.

Ingingo ya 12:

Inteko Rusange iterana rimwe mu mwaka mu nama zayo zisanzwe, itumijwe n'umuyobozi w'umuryango. Ishobora no guterana igihe cyose bibaye ngombwa mu nama zidasanzwe, itumijwe n'umuyobozi w'umuryango abyibwirije cyangwa bisabwe na kimwe cya kane (1/4) cy'abanyamuryango, cyangwa bisabwe n'inama y'ubuyobozi ku bwiganze bw'amajwi y'abayigize.

Iyo umuyobozi w'umuryango agize impamvu ituma adatumiza inama, itumizwa n'umuyobozi wungirije wa mbere. Iyo bombi badahari, itumizwa n'umuyobozi wungirije wa kabiri. Urupapuro rutumira inama, ruriho itariki y'inama, aho izabera n'ibiri ku murongo w'ibyigwa rugomba gushyikirizwa abagize Inteko Rusange hasigaye nibura iminsi cumi n'itanu (15) ku nama isanzwe n'iminsi umunani (8) ku nama idasanzwe.

Ingingo ya 13:

Kugirango Inteko Rusange iterane ku buryo bwemewe, hagomba kuba hari nibura ubwiganze busesuye bw'abayigize. Iyo umubare wa ngombwa utabonetse, indi nama itumizwa mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15), igaterana ari uko habonetse nibura kimwe cya kane (1/4) cy'abayigize. Iyo nayo idashoboye guterana, hatumizwa indi mu minsi 8 abayijemo uko bangana kose bagafata icyemezo.

Ibyemezo by'Inteko Rusange bifatwa ku bwiganze busesuye bw'abari mu nama. Iyo batoye amajwi akangana, amatora asubirwamo inshuro imwe, hataboneka ubwiganze, ijwi ry'umuyobozi w'inama rigakemura impaka.

Icyiciro cya II : Inama y'Ubuyobozi

Ingingo ya 14:

Inama y'ubuyobozi nirwo rwego ruyobora umuryango. Igizwe n'abantu cumi n'umwe batorwa n'Inteko Rusange mu gihe cy'imyaka itatu (3) gishobora kongerwa inshuro imwe. Nyuma y'icyo gihe, bafite uburenganzira bwo kwiyamamariza undi mwanya mu nama y'ubuyobozi. Abagize inama y'ubuyobozi ni aba bakurikira :

- Abagize Komite Nyobozi
- Umuyobozi n'Umuvugizi ba buri tsinda ry'ibikorwa.

Inama y'ubuyobozi iyoborwa n'Umuyobozi w'umuryango.

Ingingo ya 15:

Inama y'ubuyobozi ifite inshingiro zikurikira :

- Kuyobora umuryango ;
- Kubahiriza ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inteko Rusange ;
- Gutegura amategeko mbonezamikorere y'umuryango ;
- Gusaba guhindura amategeko agenga umuryango bibaye ngombwa ;
- Gutegura ingengo y'imari ya buri mwaka kugira ngo yemezwe n'Inteko Rusange ;
- Gukora ibindi bikorwa byose byagirira umuryango akamaro ku buryo ariko bitabangamira ububasha bw'Inteko Rusange.

Ingingo ya 16:

Inama y'Ubuyobozi iterana rimwe mu mezi ane mu nama yayo isanzwe itumijwe na Perezida wayo. Ishobora no guterana igihe cyose bibaye ngombwa mu nama idasanzwe, itumijwe na Perezida wayo abyibwirije cyangwa abisabwe na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abayigize.

Ingingo ya 17:

Kugira ngo Inama y'Ubuyobozi iterane ku buryo bwemewe, hagomba kuba hari nibura ubwiganze busesuye bw'abayigize. Iyo umubare wa ngombwa utabonetse, indi nama itumizwa mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15), igaterana ari uko habonetse nibura kimwe cya gatatu (1/3) cy'abayigize.

Ibyemezo by'Inama y'Ubuyobozi bifatwa ku bwumvikane. Iyo butabonetse, bifatwa ku bwiganze busesuye bw'abari mu nama. Iyo batoye amajwi akangana, amatora asubirwamo inshuro imwe, hataboneka ubwiganze, ijwi ry'umuyobozi w'inama rigakemura impaka.

Icyiciro cya III : Komite Nyobozi

Ingingo ya 18:

Komite Nyobozi igizwe n'abantu batanu (5) batorwa n'Inteko Rusange, aribo :

- Umuyobozi w'umuryango ;
- Umuyobozi Wungirije wa mbere ;
- Umuyobozi Wungirije wa kabiri ;
- Umunyamabanga Mukuru ;
- Umubitsi.

Abagize Komite Nyobozi batorerwa igihe cy'imyaka itatu (3) gishobora kongerwa inshuro imwe. Nyuma y'icyo gihe, bashobora kongera kwiyamamariza undi mwanya muri Komite Nyobozi.

Umuyobozi w'umuryango n'Umuyobozi Wungirije wa mbere nibo bahagarariye umuryango imbere y'amategeko.

Ingingo ya 19:

Komite Nyobozi ifite inshingano zikurikira :

- Gukurikiranira hafi ubuzima bw'umuryango ;
- Gushyiraho no gukuraho abakozi b'umuryango ;
- Gufata ibyemezo byihutirwa bitabangamiye ububasha bw'Inama y'Ubuyobozi n'ubw'Inteko Rusange ;
- Gushyikiriza Inama y'Ubuyobozi raporo y'ibikorwa n'imikoreshereze y'umutungo buri mezi ane.

Ingingo ya 20:

Komite Nyobozi iterana rimwe mu mezi abiri mu nama isanzwe n'igihe cyose bibaye ngombwa itumijwe n'umuyobozi wayo. Iterana ku buryo bwemewe iyo hari nibura abantu batatu mu bayigize.

Ibyemezo bya Komite Nyobozi bifatwa ku bwumvikane. Iyo butabonetse bifatwa ku bwiganze bw'amajwi y'abari mu nama. Iyo amajwi angana, ijwi rya Perezida rikemura impaka.

Ingingo ya 21:

Inama zose z'Inteko Rusange, iz'Inama y'Ubuyobozi n'iza Komite Nyobozi zitumirwa kandi zikayoborwa n'Umuyobozi w'umuryango. Iyo atabonetse asimburwa n'Umuyobozi Wungirije wa mbere. Iyo bombi bitabonetse basimburwa n'Umuyobozi Wungirije wa kabiri.

Abari mu nama idasanzwe bitoramo Umuyobozi n'Umwanditsi bayo, iyo abayobozi b'umuryango bavuzwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo batabonetse ngo bayiyobore.

Icyiciro cya IV : Ubuhuzabikorwa

Ingingo ya 22:

Ubuhuzabikorwa nirwo rwego rushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inteko Rusange, iby'Inama y'Ubuyobozi n'ibya Komite Nyobozi. Bugenzurwa na Komite Nyobozi mu mirimo yabwo ya buri munsi nayo igashyikiriza raporo y'ibikorwa Inama y'Ubuyobozi.

Ingingo ya 23:

Ubuhuzabikorwa bugizwe n'umuhuzabikorwa ari nawe uyobora urwo rwego rw'abakozi bamwunganira, bose bashyirwaho na Komite Nyobozi.

Icyiciro cya VI : Inama y'Ubugenzuzi

Ingingo ya 24:

Inama y'Ubugenzuzi ishyirwaho n'Inteko Rusange mu gihe cy'imyaka itatu ishobora kongerwa inshuro imwe. Inama y'Ubugenzuzi nirwo rwego rushinzwe kugenzura imikorere rusange y'umuryango. Ifite uburenganzira bwo gushyikirizwa inyandiko zose zirebana n'ibikorwa by'umuryango, ihabwa amabwiriza gusa n'Inteko Rusange ari nayo ishyikiriza raporo.

UMUTWE WA IV : UMUTUNGO W'UMURYANGO

Ingingo ya 25:

Umutungo w'umuryango ukomoka :

- Ku misanzu y'abanyamuryango ;
- Ku nkunga ya leta ;
- Ku mpano, imirage n'imfashanyo ;
- Ku bikorwa by'umuryango ;
- Inguzanyo.

Umuryango ushobora kugira umutungo utimukanwa n'uwimukanwa ukenera kugira ngo urangize inshingano washyiriweho.

UMUTWE WA V : IMIHINDAGURIKIRE Y'AYA MATEGEKO N'ISESWA RY'UMURYANGO.

Ingingo ya 26:

Ihinduka ry'aya mategeko rikorwa n'Inteko Rusange yateranye ku buryo buteganyijwe n'ingingo ya 13 y'aya mategeko.

Igingo ya 27:

Iseswa ry'umuryango ryemezwa n'Inteko Rusange ku bwiganze bw'amajwi bwa 2/3 by'abawugize cyangwa Urukiko rubifitiye ububasha. Umuryango nuseswa umutungo wawo uzahabwa indi miryango bihuje intego ikorera mu karere ka NTONGWE. Iyo imiryango itabonetse uwo mutungo wahabwa Akarere ka Ntongwe nyuma yo kwishyura imyenda yose y'umuryango.

UMUTWE WA VI : INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA

Ingingo ya 28:

Umuryango ufite amatsinda y'ibikorwa akurikira :

- Iterambere, ubukungu no kwiga imishinga ;
- Imibereho myiza y'abaturage ;
- Umuco n'uburezi.

Buri tsinda ry'ibikorwa ryihitiramo umuyobozi n'umuvugizi baryo bakanarihagararira mu nama y'ubuyobozi y'umuryango.

Ingingo ya 29:

Umwe cyangwa benshi mu bari mu nzego ziyobora umuryango (b) ashobora kuvanwa ku mwanya w'Ubuyobozi n'Inteko Rusange ku bwiganze busesuye bw'amajwi y'abari mu nama kubera impamvu zikurikira :

- Gusiba inama inshuro eshatu zikurikiranye nta mpamvu zisobanuriwe ubuyobozi bwa buri rwego rurebwa n'ikibazo ;
- Kwegura hakoreshejwe inyandiko ;
- Kudashobora gukora imirimo kubera uburwayi bwemejwe na Muganga ubifitiye ububasha ;
- Urupfu.

Ingingo ya 30:

Umunyamuryango udashoboye kuboneka mu nama z'Inteko Rusange cyangwa z'inama z'ubuyobozi afite uburenganzira bwo kwihitiramo umuhagararira akanamutorera bibaye ngombwa. Uyu ariko agomba kwerekana icyemezo cyanditse cy'uwo ahagarariye.

Ingingo ya 31:

Aya mategeko avanyeho amategeko yari asanzwe agenga umuryango yashyizweho n'Inteko Rusange yo kuwa 08 Kamena 1992.

Aya mategeko yuzuzwa kandi agasobanurwa n'amategeko ngenga mikorere y'umuryango ashyirwaho n'Inteko Rsuange ku bwiganze bwa 2/3 by'abari mu nama.

Ingingo ya 32:

Ku byaba bidateganyijwe n'aya mategeko hakurikizwa amategeko agenga imiryango idaharanira inyungu mu Rwanda.

Ingingo ya 33:

Aya mategeko atangira gukurikizwa umunsi yemeranijweho n'Inteko Rusange y'umuryango.

Bikorewe i Ntongwe, kuwa 3/3/2002

Abashyizeho umukono:

1. Uhagarariye Umuryango : MITALI KABANDA Protais (sé)
2. Uhagarariye Umuryango Wungirije wa mbere : NSHIMYUMUKIZA Donat (sé)